ABANA BA PARUWASI YA KIVUMU BIFURIJE UMWEPISKOPI NOHELI NZIZA N'UMWAKA MUSHYA MUHIRE WA 2019

Kuri uyu munsi tariki ya 15 Ukuboza 2018 mugitondo, abana bibumbuye mu matsinda y'abana ba Paruwasi ya Kivumu bagera ku 1200 baje baherekejwe na Padiri Vincent MANIRAFASHA ubashinzwe, gusura Umwepiskopi , bamwifuriza kuzagira Noheli Nziza n'Umwaka mushya muhire wa 2019. Uruzinduko rwabo rwabanjirijwe n'Igitambo cya Missa cyatuwe na Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo. Hakurikiyeho kumwereka imikino bamuteguriye no kumugezaho impano bamugeneye.

Mu nyigisho yabahaye mu Gitambo cya Missa yabanje kubashimira urugendo bakoze baza ku Nyundo no kumwifuriza Noheli nziza n'Umwaka mushya muhire wa 2019. Yakomeje ababwira ko abishimiye kandi yifuza kubabona ari abana beza , kandi ko uko bakura mu gihagararo bajya barushaho no kunguka ubwenge banogeye Imana n'abantu. Yabanje kubasobanurira mu kiganiro yagiranye nabo igihe cya Liturujiya turimo cya Advent, ababaza nabo bakamusubiza. Ashingiye ku Byanditwe Bitagatifu yababwiye ko nabo ari intumwa muri bagenzi babo cyane cyane aho bakorera mu matsinda y'abana kuri Paruwasi yabo ya Kivumu. Yaboneyeho kubatuma ku bandi bana batabashije kuzana nabo ku Nyundo ati muzabagezeho ibyishimo mwabonye ku Nyundo kandi muzabifurize nabo Noheli Nziza n'umwaka mushya muhire wa 2019. Yababwiye ko inyigisho Kiliziya ibategurira mu matsinda y'abana igomba kubafasha gukurana indangagaciro nkiristu, bityo bakazabamo abantu bafitiwe icyizere n'abantu bose. Yashoje abifuriza kuzagira Noheli nziza iwabo mu rugo no kuzayifuriza ababyeyi babo no kuzagira umwaka mushya muhire wa 2019.

CATHEDRALE N.D DE L' ANNONCIATION

IBUKA
UGAYE

Nyuma y’Igitambo cya Missa abana bagejeje Impano yabo k’Umwepiskopi bamushimira ko akomeje kubitaho cyane ko yabahaye umusaseridoti ubashinzwe by’umwihariko muri paruwasi yabo ya Kivumu. Bakomeje bamugezaho imikino bamuteguriye. Ibirori byashojwe n’Umwepiskopi abaha umugisha kandi abaha Noheli yabateguriye kuri buri mwana.

Padiri Jean Marie KWIZERA